

**minority  
rights  
group  
international**



**Isuzumabikorwa rya nyuma ku mushinga wo “Kongerera ubushobozi Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n’Itangazamakuru ku kurwanya ihezwa rikorerwa Abasigajwe inyuma n’amateka no guteza imbere uburenganzira bwabo mu Rwanda.”**

---

**Ku nkunga y’ Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi**



**Raporo y’isuzumabikorwa yakozwe  
na  
Educational Consulting Success (ECOS)**

**Kigali, ku wa 15 Ugushyamba 2021**

Iyi raporo yateguwe ku nkunga y’Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi (EU). Si ihame ko ibiyikubiyemo bigaragaza ibitekerezo by’Umuryango Uharanira Uburenganzira bwa ba Nyamuke (MRG) cyangwa Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi (EU). Ni raporo bwite yateguwe n’itsinda ry’abashakashatsi bo mu kigo Educational Consulting Success (ECOS Ltd): Musengimana Sylvestre na Habimana Jean Damascène

## **Gushimira**

Turashima byimazeyo uruhare rw'abantu ku giti cyabo n'abafatanyabikorwa banyuranye baduhaye ibitekerezo kuri terefone cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga, ku ishyirwamubikorwa ry'uyu mushinga watewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi.

Iri suzumabikorwa ryakozwe mu bihe bikomeye by'icyorezo cya COVID-19 mu Rwanda. Turashimira cyane imiryango yashyize mu bikorwa uyu mushinga (WOPU na AIMPO), MRG, abo twaganiriye bose n'abafatanyabikorwa baduhaye igihe cyabo mu ikusanyamakuru ryabaye kuva ku wa 17 Nyakanga kugeza ku wa 18 Kanama 2021.

Tuboneyeho no gushima imikoraniye myiza yaranze MRG n'itsinda ry'abashakashatsi bo muri Educational Consulting Success (ECOS) mu gutegura no gushaka amakuru yari akenewe mu isuzumabikorwa ry'umushinga.

Dusoje dushimira cyane Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi ku nkunga y'imari n'iya tekinike byafashije mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga wo kurwanya ihezwa rikorerwa abasigajwe inyuman n'amateka mu Rwanda; hahugurwa Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'abakora mu Itangazamakuru kugirango bashobore guharanira no guteza imbere neza uburenganzira bwabo.

## **Murakoze cyane**

### **Itsinda ry'abashakashatsi**

### **Educational Consulting Success (ECOS)**

## **ISHAKIRO**

Gushimira.....	i
ISHAKIRO .....	ii
Imbonerahamwe n’amashusho.....	iv
Amashusho.....	iv
Ibisobanuro by’amagambo y’impine .....	v
Inshamake .....	1
Iby’ingenzi byavuye mu isuzumabikorwa ry’umushinga.....	1
Uruhare rw’ibikorwa by’umushinga mu mpinduka zabayeho.....	3
Uburambe bw’ibikorwa by’umushinga .....	4
IGICE CYA 1: INTANGIRIRO .....	5
1.1. Amavu n’amavuko y’uyu mushinga wabayeho.....	5
1.2. Uburyo bwakoreshejwe mu isuzumabikorwa ry’umushinga.....	5
1.3. Uko abagize uruhare mu isuzumabikorwa batoranyijwe.....	5
1.4. Ikusanyamakuru .....	6
1.5. Amahame mbonezamyitwarire mu bushakashatsi.....	6
1.6. Gusesengura amakuru .....	6
1.7. Imbogamizi mu gihe cy’ ubushakashatsi.....	6
IGICE CYA 2: IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI.....	7
2.1. Ishingiro ry’umushinga.....	8
2.1.1. Imitegurire y’umushinga.....	8
2.1.2. Uruhare rw’imiryango yashyize mu bikorwa umushinga.....	8
2.2. Uko ubushobozi bw’umushinga bwakoreshejwe.....	9
2.2.1. Imicungire y’umushinga .....	9

2.2.2. Raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari.....	9
2.3. Iyagezweho n'umushinga .....	10
2.3.1. Gutangiza umushinga ku mugaragaro no gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi bw'ibanze .....	10
2.3.2. Gutegura no gutanga amahugurwa .....	11
Ishusho 1: Ibyiciro by'abahuguwe.....	11
2.3.3. Inama nyunguranabitekerezo .....	12
2.3.4. Uruhare rw'abanyamakuru n'ibyo bagezeho.....	13
Imbonerahamwe 1: Inkuru zakozwe ku bo amateka agaragaza ko basigaye inyuma.....	14
2.3.5. Inama z'ubukangurambaga mu baturage .....	15
Ishusho 2: Ubukangurambaga bwakozwe mu turere dutandatu, 2020- 2021 .....	16
2.3.6. Ibikorwa byo gukora ubuvugizi .....	16
Imbonerahamwe 2: Itangwa ry'ibiribwa n'ibikoresho by'isuku, Kamena 2020 .....	19
2.4. Uruhare rw'umushinga mu mpinduka zabayeho .....	20
2.4.1 Impinduka zari zitezwe .....	20
2.4.2 Impinduka nziza zitari zitezwe .....	22
2.4.3. Impamvu zatumye umushinga ugera ku ntego .....	22
2.5. Uburambe bw'ibikorwa by'umushinga .....	23
2.6. Amasomo dukura mu ishyirwa mubikorwa ry'umushinga.....	24
2.7. Imbogamizi .....	25
<b>IGICE CYA 3: UMWANZURO N'IBYIFUZO.....</b>	<b>25</b>
3.1 Umwanzuro.....	25
3.2 Ibyifuzo.....	26
<b>INYANDIKO ZIFASHISHIJE.....</b>	<b>28</b>

## **Imbonerahamwe n'amashusho**

### **Imbonerahamwe**

Imbonerahamwe ya 1: Inkuru zakozwe ku bo amateka agaragaza ko basigaye inyuma..... 14

Imbonerahamwe ya 2: Itangwa ry'ibiribwa n'ibikoresho by'isuku, Kamena 2020 ..... 18

### **Amashusho**

Ishusho ya 1: Ibyiciro by'abahuguwe ..... 11

Ishusho ya 2: Ubukangurambaga bwakozwe mu turere dutandatu,  
2020- 2021 ..... 16

## Ibisobanuro by'amagambo y'impine

ACHPR	Komisiyo Nyafurika yita ku Burenganzira bwa Muntu n'Abantu
AIMPO	Umuryango nyafurika uharanira imibereho myiza ya Muntu
AJPRODHO	Ishyirahamwe ry'Urubyiruko ryita ku burenganzira bwa Muntu n'iterambere
A.R.D.E	Ishyirahamwe Nyarwanda ryita ku iterambere n'ibidukikije
CBHI	Ubwisungane mu kwivuzza
CGFT	Ikigo giharanira iterambere ry'Umuryango- Tyazubwenge
COPORWA	Umuryango uharanira iterambere ry'abakora umwuga w'ububumbyi mu Rwanda
COVID-19	Icyorezo cya korona virusi/COVID-19
CSO	Imiryango itari iya Leta
DAC	Komite itanga ubufasha mu iterambere
ECOS	Ikigo ngishwanama ku mishinga – ECOS
EU	Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi
FGD	Ikiganiro mu matsinda
EIDHR	Akanama k'Uburayi gahinzwe Demukarasi n'Uburenganzira bwa Muntu
FPDO	Umuryango wita ku bafite ubumuga
GBV	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina
HH	Urugo
HMP	Abasigajwe inyuma n'amateka.
HRD	Abaharanira uburenganzira bwa Muntu
ICERD	Inama mpuzamahanga yo kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku ruhu
IP	Imiryango ishinze ibikorwa
JADF	Akanama gahuza ibikorwa by'iterambere mu Karere
KII	Ikiganiro n'umutangamakuru w'iwanze
LF	Iteganyamikorere
LIPRODHO R	Ihuriro Nyarwanda riharanira iterambere ry'uburenganzira bwa Muntu
MIGEPFOP	Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango
MINALOC	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza y'abaturage
MINEDUC	Minisiteri y'Uburezi
MINIJUST	Minisiteri y'Ubutabera
MRG	Umuryango uharanira uburenganzira bwa ba Nyamuke
MRGA	Umuryango Nyafurika uharanira uburenganzira bwa ba nyamuke
MRGI	Umuryango mpuzamahanga uharanira uburenganzira bwa ba Nyamuke
NCHR	Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu
NCPD	Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga
NUDOR	Ihuriro ry'Imiryango y'Abafite Ubumuga mu Rwanda

OECD	Umuryango w'ubufatanye n'iterambere ry'ubukungu
RBA	Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru
RIB	Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha
UPR	Igenzura ngarukagihe ku burenganzira bwa Muntu
WOPU	Umuryango w'Abagore Uharanira Kwimakaza Ubumwe
YWCA	Ishyirahamwe rya gikirisitu ry'Abagore bakiri bato

## **Inshamake**

Umuryango Mpuzamahanga Uharanira Uburenganzira bwa ba Nyamuke (MRG), hamwe n'indi ikorera mu Rwanda yitwa Umuryango Nyafurika Uharanira Imbibereho Myiza ya Muntu (AIMPO) n' Umuryango w'Abagore Uharanira Kwimakaza Ubumwe (WOPU), babonye inkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'Uburayi yo gushyira mu bikorwa umushinga w'imyaka itatu (Kamena 2018-Kamena 2021) witwa **“Kongerera ubushobozi Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'Itangazamakuru ku kurwanya ihezwa rikorerwa Abasigajwe inyuma n'amateka no guteza imbere uburenganzira bwa bo mu Rwanda.”** Kugirango iyi ntego igerweho, Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'Itangazamakuru byongerewe ubushobozi ku kurwanya ihohoterwa no gukora ubuvugizi ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka (uburenganzira kuri politike, ku nshingano mboneragihugu, ku mutungo, ku mibereho myiza no ku muco); binyuze mu mahugurwa anyuranye n'ubukangurambaga ku buvugizi byakozwe mu baturage, ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Iri suzumabikorwa ryibanze ku ishingiro ry'umushinga, imigendekere yawo, umusaruro wavuyemo n'impinduka z'igihe kirambye z'ibikorwa by'umushinga. Raporo iragaruka ku masomo yasizwe n'umushinga, imbogamizi, hanatangwa ibyifuzo-nama. Isuzuma ryakoresheje uburyo bwo gusesengura inyandiko zinyuranye zirebana n'umushinga, no kuganira n'abafite aho baturira n'umushinga; kubaza umuntu umwe-umwe ndetse n'ikiganiro n'itsinda ry'abagenerwabikorwa bo mu karere ka Nyabihu. Kubera icyorezo cya COVID-19 n'ibihe bya “Guma mu rugo”, ikusanyamakuru ryakozwe hifashishije ikoranabuhanga kuwa ku wa 27 Nyakanga kugeza ku wa 18 Kanama 2021. Abantu 70 (abagore 34 n'abagabo 36) baraganirijwe hagendewe ku ruhare n'ubumenyi bafite ku mushinga.

## **Iby'ingenzi byavuye mu isuzumabikorwa ry'umushinga**

### **Ishingiro ry'umushinga**

- Uyu mushinga watwe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi uruzuzanya na gahunda zihutirwa z'igihugu cy'u Rwanda zo guteza imbere imibereho myiza; amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa Muntu n'amahame y' Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi.
- Imiryango yashyize mu bikorwa umushinga yafashije cyane MRG kubona amakuru afite aho ahuriye n'umushinga mu gihugu no guhitamo ibikorwa byihutirwa hagendewe ku ntego z'umushinga.
- Ibibazo n'ijwi by'ab'abasigajwe inyuma n'amateka byanditswe mu bushakashatsi bw'ibanze binashyirwa mu mushinga.



### ***Imikoreshereze y'ubushobozi umushinga wari ufite***

- Habaye inama ntegurabikorwa yahuje MRG, abahagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi mu Rwanda, WOPU na AIMPO baganira ku nyandiko z'umushinga n'uko uzashyirwa mu bikorwa; isuzumabikorwa ry'umushinga n'ibyo umuterankunga yifuza.
- Ingengo y'imari y'umushinga yakoreshejwe neza nkuko Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi wabyifuzaga. Igice kimwe cy'amafaranga cyakoreshejwe nk'ingoboka yo guhangana n'ingaruka za COVID-19 ku miryango y'abasigajwe inyuma n'amateka, hagurwa ibiribwa n'ibikoresho by'isuku. Iyi miryango isanzwe ikesha amaramuko imirimo ya nyakabyizi, yari ikomerewe cyane kurusha abandi ubwo ingendo n'ubucuruzi byari bibujijwe.

### **Ibyagezweho n'umushinga**

Ibyagezweho ni byinshi nubwo habayeho icyorezo cya COVID-19:

- Mu mwaka wa 2019, umushinga watangijwe ku mugaragaro hamurikwa n'ibyavuye mu bushakashatsi. Iki gikorwa cyagenze neza kitabirwa n'abantu 60 (abagore 19 n'abagabo 41) bavuye mu nzego za Leta, mu muryango w'Ubumwe bw'Uburayi (Rwanda), mu miryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu, Itangazamakuru, abahagarariye abasigajwe inyuma n'amateka, n'abandi bafatanyabikorwa.
- MRG n'imiryango yashyize mu bikorwa umushinga bahuguye abantu 30 (abagore 13 n'abagabo 17) bavuye mu miryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu; abanyamakuru 30 (abagore 15 n'abagabo 15) n'abafasha mu by'amategeko 52 (abagore 33 n'abagabo 19). Amahugurwa yibandaga ku masezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa Muntu, ibibazo by'abasigajwe inyuma n'amateka n'uburyo bwo gutanga amakuru ku bibazo bikomeye bahura na byo.
- Habayeho inama nyunguranabitekerezo ku nsanganyamatsiko "Guhuriza hamwe abaharanira uburenganzira bwa Muntu ngo basangire ibitekerezo ku guteza imbere uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka mu Rwanda." Mu mwaka wa kabiri w'umushinga, nibura abantu 30 (abagore 11 n'abagabo 19) bitabiriye inama banasangira ibitekerezo ku guteza imbere uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka. Mu mwaka wa 3, abantu 30 (abagore 16 n'abagabo 14) bavuye mu miryango itari iya Leta n'abaharanira uburenganzira bwa Muntu bahuriye mu nama nyunguranabitekerezo.
- Mu bitangazamakuru hatambutse inkuru zisaga 12 zivuga ku bibazo by'abasigajwe inyuma n'amateka zinabasabira ubufasha. Ibiganiro ku maradiyo no ku ma televiziyo byarakozwe nyuma yuko abanyamakuru bahuguwe. Inkuru yitwa "Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma bakeneye kwitabwaho by'umwihariko", yahembwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere nk'inkuru y'umwaka wa 2019, mu cyiciro cy'inkuru zivuga ku iterambere.

- Mu mwaka wa 2 w'ibikorwa n'uwa 3, hakoze inama z'ubukangurambaga mu turere dutandatu (6) umushinga wakoreyemo; zahuriye hamwe abantu 1193; abagore 681 bangana na 57% n'abagabo 512 bangana na 43%. Muri aba 1193 bitabiriye, 88 (7%) 1193 ni abafite ubumuga.

Imiryango ine: Umuryango uharanira uburenganzira bwa ba Nyamuke (MRG), Umuryango nyafurika Uharanira imibereho myiza ya Muntu (AIMPO), Umuryango wita ku bafite ubumuga (FPDO), Umuryango w'Abagore Uharanira Kwimakaza Ubumwe (WOPU) yishyize hamwe ikora raporo ihuriweho igaragaza ibyifuzo ku bibazo byugariye abasigajwe inyuma n'amateka mu Rwanda, bayishyikiriza abashinzwe igenzura ku burenganzira bwa Muntu bo mu Kanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

- Hari ibindi bikorwa byasimbujwe ibitarabashije gukorwa kubera icyorezo cya COVID-19:
  - AIMPO yakoze ubushakashatsi bugamije kubona no kubika amakuru y'ibijyanye n'akazi mu rubyiruko rw'abasigajwe inyuma n'amateka mu Rwanda ngo azifashishwe mu buvugizi
  - AIMPO yahuguye abakozi bayo ku bijyanye no gukora imishinga n'ikurikiranabikorwa
  - WOPU yakoze ubuvugizi ku kwandikisha abana bavutse mu bitabo by'irangamimerere
  - WOPU kandi yahuguwe ku mutekano w'amakuru abitswe cyangwa atangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga

### **Uruhare rw'ibikorwa by'umushinga mu mpinduka zabayeho**

- Imiryango yashyize mu bikorwa umushinga (AIMPO na WOPU) yongerewe ubushobozi mu icungabikorwa n'icungamari
- bahuguwe ku guteza imbere uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka bongerewe ubumenyi ku gukora ubuvugizi ku guharanirako ubwo burenganzira bugerwaho
- Abafasha mu by'amategeko, abasigajwe inyuma n'amateka na bamwe mu babahagarariye bongerewe ubumenyi ku burenganzira bw'ibanze bwa Muntu ku buzima, uburenganzira bw'umwana, kwandikisha umwana mu bitabo by'irangamimerere, ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo, uburenganzira ku murimo, uburenganzira ku burezi no ku mutungo.
- Abasigajwe inyuma n'amateka bafite ubumuga bongerewe ubumenyi mu guharanira uburenganzira bwabo no kwigirira icyizere
- Binyuze mu bukangurambaga, abaturage bongerewe ubumenyi ku burenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka no guhindura imyumvire mibi babafiteho

- Abayobozi mu nzego bwite za Leta, imiryango ikora mu bijyanye n'uburenganzira bw' abasigajwe inyuma n'amateka , imiryango itari iya Leta n'impuguke zinyuranye biyemeje gusenyerera umugozi umwe
- Abasigajwe inyuma n'amateka bateye intambwe mu kugira uruhare mu bibera mu muryango Nyarwanda

### **Uburambe bw'ibikorwa by'umushinga**

- Hari abafasha mu by'amategeko basobanukiwe imibereho y'abasigajwe inyuma n'amateka banatanga ubufasha mu by'amategeko ku buryo buhoraho, nko kubereka urwego bakwiyambaza no gukemura amakimbirane yo mu miryango
- Hari imiryango ihamye iharanira uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka nka AIMPO, WOPU na COPORWA; n'imikoranire myiza hagati y'inzego za Leta, imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa, binyuze mu kanama gahuza ibikorwa by'iterambere ku rwego rw'Uturere (JADF), n'andi mahuriro agamije kumvikanisha ijwi n'uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka.
- Abakora mu itangazamakuru n'ibindi byiciro byahuguwe ku gukora ubuvugizi no guharanira uburenganzira bw'abasigajwe inyuma n'amateka.
- Hari amakuru yavuye mu bushakashatsi n'amaraporo yakwifashishwa mu kumenya biruseho ibibazo by' abasigajwe inyuma n'amateka
- Hari imikoranire ihamye hagati ya MRG, WOPU, AIMPO n'abandi bafatanyabikorwa

## **IGICE CYA 1: INTANGIRIRO**

### **1.1. Amavu n'amavuko y'uyu mushinga**

Umushinga warangiye muri Kamena 2021 wari ugamije “kurwanya ihezwa rikorerwa abasigajwe inyuma n'amateka mu Rwanda hahugurwa Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'Itangazamakuru kugirango hashobore guharanira no guteza imbere neza uburenganzira bwabo”. Kugirango iyi ntego igerweho, Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'Itangazamakuru yongerewe ubushobozi ku kurwanya ihohoterwa no gukora ubuvugizi ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw' abasigajwe inyuma n'amateka (uburenganzira kuri politike, ku nshingano mboneragihugu, ku mutungo, ku mibereho myiza no ku muco); binyuze mu mahugurwa anyuranye n'ubukangurambaga ku buvugizi byakozwe mu baturage, ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga. Abasigajwe inyuma n'amateka bo mu turere dutandatu (Nyabihu, Musanze, Gicumbi, Burera, Gatsibo and Nyagatare) bakanguriwe kumenya uburenganzira bwabo n'uko bakorana n'inzego zitandukanye kugirango bwubahirizwe.

Mu rwego rwo kugenzura raporo zabo no kwigira ku bikorwa by'umushinga, MRG yahaye ikigo cy'ubushakashatsi kigenga inshingano zo gukora isuzumabikorwa ryibanze ku ishingiro ry'umushinga, imigendekere yawo, umusaruro wavuyemo, n'impinduka z'igihe kirambye hagendewe ku ntego n'umusaruro wifuzwaga mu iyandikwa ry'umushinga.

### **1.2. Uburyo bwakoreshejwe mu isuzumabikorwa ry'umushinga**

Isuzuma ryakoresheje uburyo bwo gusesengura inyandiko zinyuranye zirebana n'umushinga zatanze na MRG, AIMPO na WOPU; no kuganira n'abafite aho bahurira n'umushinga habazwa umuntu umwe-umwe ndetse n'ikiganiro n'itsinda ry'abagenerwabikorwa bo mu karere ka Nyabihu. Nyuma y'igihe gihagije basoma inyandiko zijyanye n'umushinga, abashakashatsi bakoze urutonde rw'ibibazwa n'inyandiko zisaba uburenganzira abazaganirizwa hagendewe ku byiciro byabo; MRG irazisuzuma iranazemeza. Mbere y'ikusanyamakuru, ibibazwa byakuwe mu cyongereza bishyirwa mu Kinyarwanda. Ubushakashatsi bwagendeye mu murongo w'amahame yitwa OECD, komite ya DAC agenga uko isuzumabikorwa rigenda hibandwa cyane ku ishingiro ry'umushinga, imigendekere yawo, umusaruro wavuyemo n'impinduka z'igihe kirambye z'ibikorwa by'umushinga. Isuzuma kandi ryerekanye amasomo yavuye mu mushinga, icyakosorwa ndetse hanatangwa ibyifuzo-nama.

### **1.3. Uko abagize uruhare mu isuzumabikorwa batoranyijwe**

Nibura abantu 70 (abagore 34 n'abagabo 36) bafite aho bahiriye n'umushinga baraganirijwe hagendewe ku mikoranire yabo n'umushinga n'ubumenyi bawufiteho, ku mwanya n'ubushake bwabo bwo kugira uruhare mu ikusanyamakuru ku mushinga. Abaganirijwe ni abo mu miryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu, abo mu itangazamakuru, abo mu nzego za Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, Abaterankunga (EU), abafasha mu by'amategeko, impuguke, abasigajwe inyuma n'amateka n'abaturanyi babo bo mu turere umushinga wakoreyemo, n'abandi.

#### **1.4. Ikusanyamakuru**

Inama ntegurabikorwa yahuje MRG, imiryango yashyize mu bikorwa umushinga (AIMPO na WOPU), n’abashakashatsi ni yo yabimburiye ibindi hifashishijwe ikoranabuhanga. Abashakashatsi bahawe ubufasha bw’ingenzi mbere yo gutangira igikorwa.

Bitewe n’uko COVID-19 yari yatumye ingendo zihagarikwa, uburyo bw’ikoranabuhanga ni bwo bwifashishijwe mu gukusanya amakuru kuva ku wa 27 Nyakanga kugeza ku wa 18 Kanama 2021. Ahanini Ikinyarwanda ni cyo cyakoreshejwe cyane ku Banyarwanda, icyongereza gikoreshwa ku bandi batumva Ikinyarwanda. Muri Kanama 2021, Leta yakomoroze ingendo, noneho ku wa 7 Kanama 2021 abashakashatsi bajya mu murenge wa Mukamira wo mu karere ka Nyabihu, mu Burengerazuba, bagirana ikiganiro n’itsinda (FGD) ry’abagenerwabikorwa basigajwe inyuma n’amateka. Abari mu kiganiro bubahirije amabwiriza yo kwirinda COVID-19 harimo kwambara agapfukamunwa, guhana intera no gusukura intoki n’umuti wabugenewe.

#### **1.5. Amahame mbonezamyitwarire mu bushakashatsi**

Isuzumabikorwa ryubahirije amahame mbonezamyitwarire mu bushakashatsi: kubaha ubazwa, kumubwira inyungu z’ubushakashatsi, no gufata ababazwa kimwe. Hakozwe ibishoboka mu kubungabunga ubwisanzure bw’usubiza no kwirinda icyamuhungabanya hagendewe ku mahame agenga ikorwa ry’ ubushakashatsi. Nyuma yo gusobanurirwa ibijyanye n’impamvu y’ubushakashatsi n’uko ikiganiro kiri bukorwe, ubazwa yasabwaga uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo ku bushake kugirango ikiganiro gikorwe mu mwuka w’ubwisanzure n’icyizere. Mu gihe cyose cy’ubushakashatsi, habayeho kubika ibanga ry’amakuru, hirindwa gutangaza amazina nyakuri y’abaganirijwe muri raporo. Rimwe na rimwe, abaganirijwe mu nzego zinyuranye babanzaga guhabwa ibaruwa yatanzwe na AIMPO isobanura impamvu y’ubushakashatsi.

#### **1.6. Gusesengura amakuru**

Abashakashatsi babiri bo muri ECOS ni bo bakusanyije amakuru yose binyuze kuri terefone. Amakuru bahawe yanditswe mu Kinyarwanda nyuma yandikwa muri mudasobwa mu rurimi rw’Icyongereza. Abashakashatsi basomye amakuru yanditswe noneho bakora isesengura bagendeye ku bibazo bigize izingiro ry’ubushakashatsi. Mu gutangaza ibyavuye mu isesenguramakuru, amagambo y’ingenzi cyane yasubiwemo uko yakabaye, ashyizwe mu cyongereza, ariko hadatangajwe amazina y’abayavuze.

#### **1.7. Imbogamizi mu gihe cy’ ubushakashatsi**

Itsinda ry’abashakashatsi ryahuye n’imbogamizi zikurikira:

- Ubushakashatsi bwakozwe mu gihe ingendo zari zibujijwe mu Rwanda, hari n’ibihe bya “guma mu rugo” kubera icyorezo cya COVID-19. Ku bw’iby byari ngombwa

kwitwararika ku mabwiriza yo kwirinda icyorezo hakoreshwa uburyo bwa terefone cyangwa ikoranabuhanga rya Zoom na Skype mu gukusanya amakuru, mu cyimbo cyo gusanga buri muntu aho ari.

- Nubwo bashakashatsi batagize amahirwe yo kugera aho abasigajwe inyuma n'amateka batuye, bakoze iyo bwabaga babyaza umusaruro uburyo bwashobokaga bwo guhamagara kugirango babone amakuru yuzuye nta kwizigama. Kubera iyi mbogamizi, ubushakashatsi bwashingiye cyane ku byavuye mu biganiro n'ababajijwe, byunganiwe n'inyandiko zindi zifashishijwe.
- Ihuzanzira (umuyoboro) rya terefone ryakunze kuba ikibazo cyane-cyane mu duce twa kure; abashakashatsi bakoresheje uburyo bunyuranye kugirango babone ibitekerezo by'abo bantu uko byagenda kose. Aho bishoboka abashakashatsi basubikaga ikiganiro kikimurirwa ikindi gihe uganirizwa azaba aboneka neza.
- Ababajijwe bamwe bari bahugiye mu bindi bintu byihutirwa nko kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwirinda COVID-19. Igisubizo kuri ibi cyari ukwimurira ikiganiro ikindi gihe no kongera iminsi ikusanyamakuru ryagombaga kumara.
- Abashakashatsi bumva neza ko mu ikusanyamakuru rifunguye nk'iri, bishoboka ko abasubiza babogama. Ni yo mpamvu ibyavuye mu isesengura ry'amakuru byunganiwe n'inyandiko zasomwe no gusubiramo amagambo bwite y'ab'ingenzi mu bo twaganiriye.
- Urebye uko ubushakashatsi bwakozwe, ibyavuyemo ntibikwiye gufatwa nkaho ari rusange. Raporo ikwiye gusobanurwa mu mujyo bwite w'iri suzumabikorwa ku mushinga wawe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi.

## **IGICE CYA 2: IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI**

Iki gice kirerekana inshamake y'ibyavuye mu biganiro n'abasubije, isesengura ry'amakuru yakuwe mu nyandiko zijyanye n'umushinga, ama raporo na gahunda (politike) zinyuranye. Aho

bishoboka, imbonerahamwe n'amagambo bwite y'abasubije byarifashishijwe ngo raporo isobanuke kurusha.

## **2.1. Ishingiro ry'umushinga**

### **2.1.1. Imitegurire y'umushinga**

Uyu mushinga watewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi wanditswe hakurikijwe itangazo ry'ipiganwa ryashyizwe hanze n'ibiro by'uyu Muryango mu Rwanda. MRG yayoboye igikorwa cyo kwandika umushinga ifatanyije na WOPU na AIMPO, maze hagendewe ku bunararibonye bwayo mu gukora ubuvugizi no kubaka ubushobozi bw'imiryango ya ba Nyamuke mu karere, batsindira kubona iyi nkunga ku mushinga bari batanze. MRG yayoboye iyandikwa ry'umushinga hagendewe ku mabwiriza y'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi mu Rwanda. Uyu mushinga uri mu murongo w'ibyihutirwa muri gahunda za Leta, gahunda z'imibereho myiza y'abaturage n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa Muntu.

### **2.1.2. Uruhare rw'imiryango yashyize mu bikorwa umushinga**

Imiryango yashyize mu bikorwa umushinga yagize uruhare rufatika mu kubona amakuru afite aho ahuriye n'umushinga mu gihugu no guhitamo ibikorwa byihutirwa hagendewe ku ntego z'umushinga. Bagendeye ku bunararibonye bwabo mu gukorana n' abasigajwe inyuma n'amateka mu Rwanda, imiryango AIMPO na WOPU yagaragaje ibibazo by'ingutu abasigajwe inyuma n'amateka bahura nabyo bibabuza kugira uburenganzira mu bijyanye na politiki, uburenganzira mboneragihugu, ubukungu, imibereho myiza n'umuco. Kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'umushinga n'isuzuma bishoboke, MRG yafatanyije na WOPU na AIMPO bakora ubushakashanzi bw'ibanze<sup>1</sup> ku bijyanye n'uko kudaheza abasigajwe inyuma n'amateka muri gahunda za politike n'imibereho myiza bihagaze mu Rwanda, no guteza imbere uburenganzira bwabo. Ibibazo nyamukuru byaragaragajwe kandi bifasha imiryango yashyize mu bikorwa umushinga gutegura ibikorwa by'ubuvugizi.

Nkuko bigaragazwa n'ibisubizo bya benshi mu babajijwe mu isuzuma, bimwe mu bibazo byugarije abasigajwe inyuma n'amateka ni ubumenyi buke ku burenganzira bw'ibanze bwa Muntu, imyumvire mibi abantu bamwe babafiteho, ihezwa, umubare munini w'abatazi gusoma no kwandika, ubukene bukabije, kutagira ubutaka, kutagera kuri serivise z'uburezi n'ubuzima, imiturire imeze nabi n'imibereho mibi, umubare muto w'abasigajwe inyuma n'amateka bandikisha abana bakivuka mu bitabo by'irangamimerere, kuva mu ishuri, ubufasha budahagije ku basigajwe inyuma n'amatekabafite ubumuga, inda zitateganyijwe, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, amakimbirane mu miryango, kubura imirimo ifatika, kutagaragara mu bikorwa by'abaturage

---

<sup>1</sup> MRG, AIMPO, WOPU (2019). Raporo y'uko politike yo kudaheza abasigajwe inyuma n'amateka ihagaze, uruhare rwabo muri gahunda z'imibereho myiza na politike, no guteza imbere uburenganzira bwabo mu Rwanda

nk'umuganda<sup>2</sup> n'umugoroba w'umuryango, inteko rusange z'abaturage n'ibindi. Ibi bibazo byose byahaye umurongo w'imikorere umushinga watewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi.

## **2.2. Uko ubushobozi bw'umushinga bwakoreshejwe**

### **2.2.1. Imicungire y'umushinga**

MRG, WOPU na AIMPO bahuje ingufu mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga. Ku ikubitiro, muri Kanama 2018 i Kigali mu Rwanda habaye inama y'iminsi ibiri yasuzumye inyandiko zirebana n'umushinga, ibijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ryawo, isuzuma n'ibisabwa by'umuterankunga. Iyo nama yitabiriwe n'umuyobozi wa MRG ku rwego rw'Afurika, umuyobozi wa MRG ku rwego rw'Uburayi, umuhuzabikorwa wa WOPU, ushinzwe imari muri WOPU, Umuyobozi nshingwabikorwa wa AIMPO, ushinzwe imari muri AIMPO n'abahagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi mu Rwanda.

Mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, inama zinyuranye zagiye ziba no guhana amakuru ku buryo butandukanye hagamijwe imigendekere myiza y'umushinga. Nubwo COVID-19 yakomye ibintu mu nkokora, abo mu miryango yashyize mu bikorwa umushinga bemeje ko bagumye kugirwa inama mu buryo bw'iya kure na MRG Afrika na MRG y'i Londre.

### **2.2.2. Raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari**

Nkuko byaragarajwe n'imiryango yashyize mu bikorwa umushinga mu Rwanda, bahawe ingengo y'imari ihagije gusohozza ibikorwa nkuko byumvikanyweho. Iyo miryango na yo yateganyije ibikoresho bigenewe ibikorwa byo mu biro n'abakorera akazi aho abagenerwabikorwa batuye.

Muri rusange amafaranga yoherezwaga ku gihe uretse gake cyane byatindaga ariko bikamenyeshwa imiryango yashyize mu bikorwa umushinga MRG nayo ikabikemura byihuse kugirango hatabaho icyuho mu gusohozza inshingano z'umushinga. Ku rundi ruhande, imiryango yashyize mu bikorwa umushinga na yo ntiyigeze ikoresha amafaranga nabi mu bikorwa by'umushinga. Nkuko abakozi b'umushinga babitangaje, ibi babikesha amahugurwa babanje guhabwa, isuzuma rihoraho n'inama zubaka bahabwaga n'abakozi ba MRG babishinzwe. Ibi byarakomeje nubwo uburyo byakorwagamo bwahindutse kubera icyorezo cya COVID-19; cyahinduye bidasubirwaho uburyo ibikorwa byinshi byari biteganyijwemo.

---

<sup>2</sup> Umuganda is mandatory nationwide community work taking place on the last Saturday of every month from 08:00 to 11:00. Participation in umuganda is required by law, and failure to participate can result in a fine. <https://en.wikipedia.org/wiki/Umuganda>



## 2.3. Ibyagezweho n’umushinga

### 2.3.1. Gutangiza umushinga ku mugaragaro no gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi bw’ibanze

Gutangiza umushinga ku mugaragaro ni igikorwa cyahuriweho na MRG, WOPU na AIMPO muri Gicurasi 2019 i Kigali mu Rwanda. Uwo muhango wanabaye umwanya wo gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi no kubyunguranaho ibitekerezo.<sup>3</sup> Ubushakashatsi bwari “Imiterere y’uko gahunda yo kudahaza abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma ihagaze mu rwego rw’imibereho myiza na politike, no guteza imbere uburenganzira bwabo mu Rwanda”.

Uwo muhango witabiriwe n’abantu 60 (abagore 19 n’abagabo 41) bavuye mu nzego zitandukanye. Harimo 5 bo nzego bwite za Leta, 2 bavuye mu biro by’Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi mu Rwanda, 16 bavuye mu miryango nyarwanda itari iya Leta (harimo WOPU na AIMPO), 14 bo mu miryango mpuzamahanga (harimo na MRG), 2 bo muri Ambasade z’amahanga zikorera i Kigali, ari zo Ubudage na Amerika, 7 bahagarariye abasigajwe inyuma n’amateka bo mu duce umushinga wakoreraga, 11 bo mu itangazamakuru n’abantu batatu bikorera ku giti cyabo.

Abitabiriye inama batangaje ko yari nziza cyane urebye ibyavugiwemo n’ubwisanzure bwayiranze mu gutanga ibitekerezo ku bibazo by’ abasigajwe inyuma n’amateka no gusangira ubunararibonye.

Umwe mu bitabiriye uwo muhango yagize ati: *“Nanejewe n’ukuntu ibitekerezo byatangwaga mu rurimi rwacu rw’Ikinyarwanda. Kuba hitabiriye imiryango itari iya Leta, abayobozi mu nzego za Leta, abahagarariye EU n’abandi bafatanyabikorwa ni ikimenyetso cy’uko ibikorwa by’imiryango ihananira uburenganzira bw’abasigajwe inyuma n’amateka bihabwa agaciro.”*

Abitabiriye inama bahawe kopi ya raporo kandi barayishima. Agaruka ku byavuye mu bushakashatsi, uwari uhagarariye Minisiteri y’Ubutabera yashimye MRG, AIMPO na WOPU ku gikorwa cyiza bakoze. Yagize ati: *“Iyo dufite amakuru nk’aya yizewe, bifasha abayobozi kumenya ahari icyuho no gufata ingamba zo kubikemura dufite icyo dushingiraho.”* Mu ijamba rye, yibukije abari aho ko Leta y’Ubumwe n’Ubwiyunge ifata abantu bose kimwe nta vangura: *“Leta yacu ntiyishimiye ko hari abaturage bamwe basigaye inyuma, twita ku baturage bose kugirango hatagira usigara inyuma.”*

Umwe mu bahawe kopi y’iyi raporo witabiriye ubu bushakashatsi yavuze ko raporo yari nziza yerekanaga amakuru y’impamo ku bibazo abasigajwe inyuma n’amateka bahura na byo mu duce batuyemo. Yiyemeje gushyira iyi raporo mu bubiko bw’ibindi bikorwa bye by’ubushakashatsijye ikazajya imufasha mu bikorwa by’imishinga no mu ikurikiranabikorwa.


---

<sup>3</sup> EIDHR/2018/396-163(2019). ANNEX VI. Interim narrative report

### 2.3.2. Gutegura no gutanga amahugurwa

Mbere y'amahugurwa, abahugura bari bafite amatsiko yo kumenya urwego rw'ubumenyi abayitabiriye bafite kugirango babone aho bahera n'uburyo baribuyatangemo. Umwe mu bahuguwe watanze ibitekerezo muri ubu bushakashatsi, yavuze ko amahugurwa yarimo ubwisanzure no gusangira ibitekerezo n'ubunararibonye ku bibazo by'imibereho y' abasigajwe inyuma n'amateka. Abahugurwa bafashe umwanya wo gusura agace gatuwemo n'abasigajwe inyuma n'amateka mu karere ka Kamonyi kugirango baganire na bo, birebere ukuri ku bibazo bibugarije. Amahugurwa yateguwe ku bufatanye bwa MRG, AIMPO na WOPU. Amahugurwa yari agenewe imiryango itari iya Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, abafasha mu by'amategeko, n'abakora mu itangazamakuru.

#### Ishusho 1: Ibyiciro by'abahuguwe



#### *Imvano: Isesenguramakuru, Kanama, 2021*

Abanyamakuru 30 (abagore 15 n'abagabo 15) batoranyirijwe guhugurwa bakorera ibigo by'itangazamakuru binyuranye birimo ibya Leta n'ibygenga nka VALUENEWS, Radio/TV10, The Child Focus, Imvaho Nshya, Voice of Africa, REUTERS, Isango Star, RBA, Ukwezi.rw/Ukwezi.com, Intego newspaper, The Bridge Magazine, THE NEW TIMES, Imboni.rw, Radio ISHINGIRO, GoodRich TV, Radio Huguka, Ubumwe.com, Pax press, Umwezi newspaper, Le Matin d'Afrique, Kigali Today and Panorama.

Abagore n’abagabo 32 bahuguwe nk’abafasha mu by’amategeko; 19 muri bobari abagore, abagabo ari 13. Iri hugarwa ryabereye i Kigali kuva ku wa 16 kugeza ku wa 17 Mutarama 2020<sup>4</sup>. Abahuguwe batoranyijwe mu bushishozi bwinshi mu turere dutandatu (Musanze, Gicumbi, Nyabihu, Nyagatare, Burera and Gatsibo). Intego y’amahugurwa yari ugusobanurira abahugurwa amahame y’uburenganzira bwa Muntu by’umwihariko, ibireba abasigajwe inyuma n’amateka, ndetse n’amategeko y’igihugu, inzira z’amategeko n’ibibazo abasigajwe inyuma n’amateka bahura na byo birebana n’ihutazwa ry’uburenganzira bwa Muntu, kugirango bashobore kujya babagira inama zikwiye mu duce batuyemo. Ku wa 3 Gicurasi 2021, WOPU yateguye amahugurwa ku bantu 20 bahagarariye abasigajwe inyuma n’amateka (abagore 14 n’abagabo 6) yo kubibutsa ukuntu bamenya bakanatanga amakuru ku ihutazwa ry’uburenganzira bwa Muntu mu Midugudu yabo. Abafasha mu by’amategeko batoranyijwe mu miryango y’ abasigajwe inyuma n’amateka. Abaganirijwe muri ubu bushakashatsi bemeje ko abafasha mu by’amategeko bagira uruhare rw’ingenzi mu buzima bw’ abasigajwe inyuma n’amateka mu gukemura amakimbirane n’ubuhuza, inama mu by’amategeko, n’ubundi bufasha bwihutirwa bw’imiryango y’ abasigajwe inyuma n’amateka.

Umufasha mu by’amategeko w’i Nyabihu ati: *“Abasigajwe inyuma n’amateka n’abandi baturage bazi akamaro kacu. Dukorana n’abayobozi b’imidugudu n’izindi nzego z’ibanze kugirango abaturage babane mu bwumvikane. Nubwo dufite amafishi yo kuzuzamo ibirego by’ihutazwa ry’uburenganzira bwa Muntu, dukwiye no kugira amakarita aturanga yo kwereka abayobozi b’inzego z’ibanze igihe bibaye ngombwa.”*

Abafasha mu by’amategeko baganiriye n’abashakashatsi bavuze ko kugirango bagume kuzuzanya inshingano zabo neza, bakeneye amahugurwa ahoraho ku bijyanye n’amategeko n’amabwiriza mashya by’umwihariko ku itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda n’itegeko N° 32/2016 of 28/08/2016 rigenga Abantu n’Umuryango.

### **2.3.3. Inama nyunguranabitekerezo**

Inama nyunguranabitekerezo yabereye i Kigali ku wa 6 n’uwa 7 Gashyantare 2020. Yari ifite insanganyamatsiko: “Guhuriza hamwe Abaharanira uburenganzira bwa Muntu, kugirango basangire ibitekerezo ku guteza imbere uburenganzira bw’abasigajwe inyuma n’amateka mu Rwanda.” Nibura abantu 30 (abagore 11 n’abagabo 19) bitabiriye inama nyunguranabitekerezo<sup>5</sup> mu mwaka wa kabiri w’ibikorwa by’umushinga. Mu mwaka wa gatatu w’umushinga, inama nyunguranabitekerezo yitabiriwe nibura n’abantu 30 (abagore 16 n’abagabo 14) bo mu miryango itari iya Leta n’abaharanira uburenganzira bwa Muntu. Intego y’iyi nama kwari ukugirango abayitabiriye basangire ubunararibonye, inzitizi bahura na zo mu mirimo yabo n’amasomo bakuramo kugirano babashe guteza imbere uburenganzira bw’abasigajwe inyuma n’amateka.

<sup>4</sup> MRG (2020) EIDHR/2018/396-163. Annex VI Interim narrative report, Yr2, June 2020

<sup>5</sup> MRG (2020) EIDHR/2018/396-163. Annex VI Interim narrative report, Yr2, June 2020

Bumwe mu buhamya bwa bamwe mu bitabiriye bwafasha abandi:

- Umuryango Corps Africa wasuye abasigajwe inyuma n'amateka bo mu murenge wa Butamwa, babafasha mu mirimo yabo y'ububumbyi. Banabafashije kandi gutunganya no gutera imboga mu karima k'igikoni.
- WOPU yavuganiye abasigajwe inyuma n'amateka bo mu karere ka Nyagatare basubizwa ubutaka bwabo bajyaga bakuramo ibumba. Ubwo butaka bari barabunyazwe n'umuntu abukoresha mu nyungu ze bwite.
- The Concern yafashije abari mu bukene bukabije kujya muri "TERA INTAMBWE PROGRAM" ifasha mu kuvana abantu mu bukene bukabije.
- Ikigo cy'iterambere ry'umuryango, Centre for Growth Family Tyazubwenge (CGFT), cyatangije umushinga mu murenge wa Nyamirambo witwa "Dufatanye kurandura ihezwa"
- Abaharanira uburenganzira bwa Muntu bakoze ubuvugizi ku burenganzira bw'ibanze bwa Muntu ku bashinzwe imibereho myiza mu karere ka Muhanga
- Abaharanira uburenganzira bwa Muntu bakoreye ubuvugizi umukobwa wo mu basigajwe inyuma n'amateka wari wawe inda n'umuntu abyara impanga. Yabashije kubona indezo ku mugabo wari wamuteye inda.

Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo batangaje ko bishimiye guhura na bagenzi babo, bubatse umubano n'indi miryango, bungutse ubumenyi, bamenye byinshi ku bibazo by' abasigajwe inyuma n'amateka no ku byo indi miryango ikora, ibibazo bahura na byo n'uburyo bwo kubikemura.

Umwe mu bayitabiriye ati: *"Inama nyunguranabitekerezo yatumye menyana n'indi miryango, nunguka byinshi ku bibazo by'abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma n'ibyakorwa. Gukora ubuvugiz ntibisaba ubushobozi bwinshi. Bisaba gusa ubwitange bw'umuntu no kugira icyo ukora ku rwego rwawe mu kuvuganira amateka agaragaza ko basigaye inyuma."*

#### **2.3.4. Uruhare rw'abanyamakuru n'ibyo bagezeho**

Nyuma yo guhugurwa, abanyamakuru bahise batangariza abantu ibibazo byugarije abasigajwe inyuma n'amateka n'inama z'uko byakemuka. Ibi byanyuze ku mirongo inyuranye nk'imbuga nkoranyambaga, ibiganiro kuri radiyo, kuri tereviziyo, n'inkuru zanditse.

Mu gihe cya COVID-19, byagaragaye ko itangazamakuru ryagize uruhare rufatika mu kumenyekanisha imibereho y' abasigajwe inyuma n'amateka kugirango hagire igikorwa.

Nyuma yo kugirana ibiganiro n'abanyamakuru no kureba mu zindi nyandiko, imbonerahamwe ikurikira irerekana inkuru zakozwe zivuye mu musaruro w'amahugurwa n'ibikorwa by'umushinga. Inkuru ntizivuga gusa ku bibazo by' abasigajwe inyuma n'amateka, ahubwo ziranerekana gahunda nziza bafite zitanga icyizere cy'iterambere aho batuye.

**Imbonerahamwe 1: Inkuru zakozwe ku bo amateka agaragaza ko basigaye inyuma**

Inyandiko	Aho wabona inyandiko
<b>Nyuma y’uko abanyamakuru bahuguwe</b>	
Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma bakeneye kwitabwaho byihariye <sup>6</sup>	<a href="http://imvahonshya.co.rw/abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bakeneye-kwitabwaho-byihariye">http://imvahonshya.co.rw/abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bakeneye-kwitabwaho-byihariye</a>
Abanyamakuru basabwe kuvuganira abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma	<a href="http://imvahonshya.co.rw/abanyamakuru-basabwe-kuvuganira-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma">http://imvahonshya.co.rw/abanyamakuru-basabwe-kuvuganira-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma</a>
Bifuzaga kureka ububumbyi gakondo ariko babura igishoro cyo gukora indi mirimo y’iterambere	<a href="https://panorama.rw/index.php/2019/05/29/kamonyi-bifuzaga-kureka-ububumbyi-ariko-babura-igishoro-cyo-gukora-indi-mirimo">https://panorama.rw/index.php/2019/05/29/kamonyi-bifuzaga-kureka-ububumbyi-ariko-babura-igishoro-cyo-gukora-indi-mirimo</a>
Haracyakenewe ingufu ngo abo amateka yasigaje inyuma bagane ishuri	<a href="https://www.kigalitoday.com/amakuru/amakuru-mu-rwanda/article/haracyakenewe-ingufu-ngo-abo-amateka-yasigaje-inyuma-bige">https://www.kigalitoday.com/amakuru/amakuru-mu-rwanda/article/haracyakenewe-ingufu-ngo-abo-amateka-yasigaje-inyuma-bige</a>
Mu karere ka Kamonyi hari abaturage babayeho mu mwanda ukabije	<a href="http://www.valuenews.info/2019/05/30/kamonyi-hari-abaturage-babayeho-mu-mwanda-ukabije">http://www.valuenews.info/2019/05/30/kamonyi-hari-abaturage-babayeho-mu-mwanda-ukabije</a>
Abo amateka yasigaje inyuma b’i Rubengera bati: “n’inyamaswa zo muri pariki ziturusha kwitabwaho”	<a href="https://www.umuseke.rw/rubengera-abo-amateka-yasize-bati-ninyamaswa-zo-muri-pariki-ziturusha-kwitabwaho.html">https://www.umuseke.rw/rubengera-abo-amateka-yasize-bati-ninyamaswa-zo-muri-pariki-ziturusha-kwitabwaho.html</a>
Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma bo mu murenge wa Gacurabwenge, mu karere ka Kamonyi bahuriye ku mibereho y’ihohoterwa n’ubuzima bushaririye	<a href="http://imboni.rw/2019/05/31/ihohoterwa-ubuzima-bushaririye-nicyo-abasigajwe-inyuma-namateka-bo-mu-murenge-wa-gacurabwenge-akarere-ka-kamonyi-bahuriraho">http://imboni.rw/2019/05/31/ihohoterwa-ubuzima-bushaririye-nicyo-abasigajwe-inyuma-namateka-bo-mu-murenge-wa-gacurabwenge-akarere-ka-kamonyi-bahuriraho</a>
<b>Inkuru z’ibyakozwe mu gihe cy’icyorezo cya COVID-19</b>	

<sup>6</sup> Iyi nkuru yahembwe n’Urwego rw’Igihugu rw’Imiyoborere nk’inkuru y’umwaka wa 2019, mu cyiciro cy’inkuru zivuga ku iterambere


Mu karere ka Gicumbi hatanzwe ibiribwa n'ibikoresho by'isuku ku bo amateka agaragaza ko basigaye inyuma	<a href="http://kigalifiesta.com">kigalifiesta.com</a>
Ububumbyi si umurimo ukibasha kubeshaho abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma	<a href="https://www.thebridgemagazine.net/umurimo-wububumbyi-ntugitunze-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma">https://www.thebridgemagazine.net/umurimo-wububumbyi-ntugitunze-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma</a>
Ububumbyi bugezweho burimo gufasha abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma mu guhangana n'ingaruka za COVID-19	<a href="https://thebridge.rw/aba-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bahanganye-ningaruka-za-covid19-babumba-kijyambere">https://thebridge.rw/aba-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bahanganye-ningaruka-za-covid19-babumba-kijyambere</a>
Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma bo mu karere ka Kamonyi batewe inkunga banakangurirwa kwigira	<a href="https://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/kamonyi-abasigajwe-inyuma-n-amateka-bahawe-ubufasha-basabwa-kubuharaho-bivana">https://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/kamonyi-abasigajwe-inyuma-n-amateka-bahawe-ubufasha-basabwa-kubuharaho-bivana</a>
Ab'i Kagina amateka agaragaza ko basigaye inyuma ubu babaye abasirimu basobanutse	<a href="http://ukwezi.rw/mu-rwanda/Ubuzima/Ab-i-Kagina-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-ubu-babaye-abasirimu-basobanutse">http://ukwezi.rw/mu-rwanda/Ubuzima/Ab-i-Kagina-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-ubu-babaye-abasirimu-basobanutse</a>

*Imvano: Isesenguramakuru, Kanama, 2021*

### 2.3.5. Inama z'ubukangurambaga mu baturage

Inama z'ubukangurambaga mu baturage zakozwe mu turere dutandatu ari two Nyabihu, Musanze, Gicumbi, Burera, Gatsibo na Nyagatare. Nkuko abitabiriye ubwo bukungurambaga bo mu basigajwe inyuma n'amateka ndetse n'abandi baturage babivuga, bungutse ubumenyi ku burenganzira bwabo n'uko baburahanira buramutse buhutanjwe. Mu gihe cy'ikusanyamakuru, byagaragaye ko iyo uburenganzira bw' abasigajwe inyuma n'amateka buhutanjwe, bakunda kwiyambaza abafasha mu by'amategeko, n'inzego z'ibanze kuva ku mudugudu kugera ku murenge. Nkuko ishusho ikurikira ibigaragaza, 681(57%) muri 1193 bitabiriye ubukangurambaga bari abagore, 512 (43%) ari abagabo. 88 (7%) muri aba 1193 bitabiriye ni abafite ubumuga.

**Ishusho 2: Ubukangurambaga bwakozwe mu turere dutandatu, 2020- 2021**



*Imvano: Isesenguramakuru, Kanama, 2021*

Nubwo ubushakashatsi bugaragaza ko abaganirijwe hari ubumenyi bafite ku burenganzira bwabo, byagaragaye ko hakiri ikibazo mu iyubahirizwa ryabwo, aho abayobozi bamwe mu nzego z’ibanze badaha agaciro gakwiye ibibazo by’ abasigajwe inyuma n’amateka kubera imyumvire mibi babafiteho (nko kwishyiramo ko ari abantu badashobotse, ko ari abajura...). Byagaragaye ko kubera kudahabwa serivise inoze, abasigajwe inyuma n’amateka batajya batangaza ibibazo ku ihutazwa ry’uburenganzira bwabo kugirango bikemurwe uko bikwiye. Ibi birashimangira akamaro k’abafasha mu by’amategeko kuko bashobora gufasha abatakaje icyizere cyangwa abaciwe intege n’uburyo bakirwamo.

**2.3.6. Ibikorwa byo gukora ubuvugizi**

Ibikorwa by’ubuvugizi byari mu biteganyijwe mu mushinga. Ariko kubera icyorezo cya COVID-19, MRG n’imiryango yari ishinze ibikorwa ntibabikoze nkuko byari byateganyijwe. Ku bijyanye n’ubuvugizi, abashakashatsi basanze imiryango uko ari ine: Umuryango uharanira uburenganzira bwa ba Nyamuke (MRG), Umuryango nyafurika Uharanira imibereho myiza ya Muntu (AIMPO), Umuryango wita ku bafite ubumuga (FPDO), Umuryango w’Abagore Uharanira Kwimakaza Ubumwe (WOPU), bishyize hamwe bakora raporo ihuriweho igaragaza ibyifuzo<sup>7</sup> ku bibazo by’imibereho byugarije abasigajwe inyuma n’amateka mu Rwanda, bayishyikiriza

<sup>7</sup> AIMPO, FPDO, MRG and WOPU (2021). Universal Periodic Review (UPR) stakeholder submission. 37th Session of the Working Group on the UPR

abashinzwe igenzura ngarukagihe ku burenganzira bwa Muntu (UPR) bo mu Kanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

Nkuko abaganirijwe mu bushakashatsi babitangaje, amahugurwa no gukorera ingendo mu duce twatoranyijwe byagaragaje ibibazo byihariye bisaba ubuvugizi n'ubufasha.

Umwe mu baharanira imibereho myiza muri Kamonyi yagize ati: *“Mu mahugurwa nahungukiye byinshi ntari nzi abasigajwe inyuma n'amateka n'uburyo bakeneye ubuvugizi bwihariye. Ubwanjye nakoreye urugendo mu gace abasigajwe inyuma n'amateka batuyemo mu karere ka Kamonyi kugirango nirebere imibereho yabo, mbakorera ubuvugizi, abana bamwe basubizwa mu mashuri dufatanyije n'inzego z'Akagari n'Umurenge. Muri ubu buvugizi, abana bamwe bo mu miryango y' abasigajwe inyuma n'amateka bahawe ibikoreho by'ishuri na Crimsom Academy Banasubizwa mu ishuri”.*

Abanyamakuru bamwe baganirijwe bavuze ko basuye imiryango y' abasigajwe inyuma n'amateka bo mu duce twa kure, bakabakoraho inkuru zo ku maradiyo na filime mbarankuru zigamije gukora ubuvugizi ku bibazo bibugarije. Urugero ni nk'inkuru yakozwe ku bibazo byo mu mutwe byugarije abasigajwe inyuma n'amateka mu karere ka Rutsiro n'icyo kuboneza urubyaro n'ubuzima bw'imyorokere mu karere ka Burera.

Nkuko babigaragaje, imbogamizi rusange zikoma mu nkokora abanyamakuru mu gukora inkuru ku bibazo byugarije abasigajwe inyuma n'amateka ni ukubura amikoro yo kugera mu duce twa kure aho batuye no kuba abanyamakuru batahuguwe bafite ubumenyi buke ku bijyanye n' abasigajwe inyuma n'amateka.

### **2.3.7. Ingaruka za COVID-19 n'ingamba zafashwe mu gukomeza ibikorwa by'umushinga**

Muri Werurwe 2020, u Rwanda rwafashe ingamba zo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19. Nyuma yuko umuntu wa mbere agaragaweho icyo cyorezo ku wa 14 Werurwe 2020, ingamba zagiye zifatwa gake gake. Ku wa 21 Werurwe 2021, mu gihugu hose abantu bategetswe kuguma mu ngo ndetse n'izindi ngamba zirafatwa nko gufunga imipaka yo mu kirere no ku butaka, gukumira ingendo zitari ngombwa, gukumira ingendo zihuza Uturere, gushyiraho amasaha yo kuba abantu bageze mu ngo, gufunga ubucuruzi butari ingenzi, gufunga amashuri no gusubika imanza zose mu nkiko kugirango icyorezo kidakwirakwira. Izo ngamba zagendaga zivugururwa hakurikijwe raporo ya buri muni y'inzego z'ubuzima ku miterere y'icyorezo.<sup>8</sup>

Ingamba zo gukumira ikwirakwira ry'icyorezo zagize ingaruka ku mibereho y'abasigajwe inyuma n'amateka Ingamba za guma mu rugo n'andi mabwiriza yatumye bitarashobokaga ko abashinzwe ibikorwa by'umushinga bakorera inama mu gihugu, mu karere cyangwa mu mahanga, cyangwa

---

<sup>8</sup> RNCHR (2020). Assessment of the impact of anti covid-19 pandemic measures on human rights in Rwanda: from march to October 2020. [http://www.cndp.org.rw/fileadmin/user\\_upload/Assessment\\_of\\_the\\_impact\\_of\\_anti\\_Covid-19\\_pandemic\\_measures\\_on\\_Human\\_Rights\\_in\\_Rwanda\\_\\_\\_Final\\_Report.pdf](http://www.cndp.org.rw/fileadmin/user_upload/Assessment_of_the_impact_of_anti_Covid-19_pandemic_measures_on_Human_Rights_in_Rwanda___Final_Report.pdf)



gukora ikurikiranabikorwa ry’umushinga. Nubwo habayeho izi mpinduka zitunguranye, MRG n’imiryango yakoze ibikorwa bashoboye gukomeza ibikorwa bakoresheje murandasi nka email, inama ku ikoranabuhanga na terefone.

Bitewe n’amabwiriza ajyanye no kwirinda ikwirakwizwa rya COVID-19, umubare urunganiye w’abasigajwe inyuma n’amateka n’abandi baturage ni bo bashoboye kwitabira ubukangurambaga bubahirije amabwiriza nko kwambara agapfukamunwa, guhana intera no gusukura intoki. Abaganirijwe batangaje ko abasigajwe inyuma n’amateka bakuraga amakuru ajyanye n’ingamba zo kwirinda COVID-19 mu bayobozi b’inzego z’ibanze, radiyo n’ubukangurambaga mu mudugudu bwifashisha indangururamajwi.

Ku bwumvikane hagati ya EU,<sup>9</sup> MRG, AIMPO and WOPU, ibikorwa bimwe byasubitswe mu baturage byasimbujwe iby’ubutabazi nyuma y’ibibazo by’ibura ry’ibiribwa n’ibikoresho by’isuku byari byagaragajwe mu miryango y’abasigajwe inyuma n’amateka. MRG iragira iti:

*“MRG n’abafatanyabikorwa bayo babonye raporo ko ingo z’ abasigajwe inyuma n’amateka ‘zisimbukwa’ n’abatanga inkunga y’ingoboka; ni mu gihe abasigajwe inyuma n’amateka bakesha amaramuko imirimo ya nyakabyizi ari bo bashegeshwe cyane n’ikumirwa ry’ingendo n’ihagarikwa ry’ubucuruzi. Ni ingenzi kwibutsa ko gutanga ingoboka kuri bose no kubyerekana muri rubanda, ubwabyo byari kuba ikimenyetso ko abayobozi ari intangarugero mu kudahaza/ ni ikimwari ku bantu bagaragaje guheza ingo z’ abasigajwe inyuma n’amateka igihe batangaga inkunga y’ingoboka.”*

Mu rwego rwo gutabara abasigajwe inyuma n’amateka batakaga, imiryango yari ishinzwe ibikorwa mu Rwanda yafatanyije n’inzego z’ibanze babashyikiriza ibiribwa (ifu y’ibigori-kawunga n’ibishyimbo) n’ibikoresho by’isuku (amasabune, amajerekani n’amabase). Ingo 589 zari zibabaye kurusha izindi zaragobotswe mu turere dutandatu.

---

<sup>9</sup> MRG (2020) EIDHR/2018/396-163. Annex VI Interim narrative report, Yr2, June 2020

## Imbonerahamwe 2: Itangwa ry'ibiribwa n'ibikoresho by'isuku, Kamena 2020

Akarere	Umubare w'ingogo	Abagize urugo			Ubwoko bw'ibyatanzwe					Ababitanze
		Gabo	Gore	Bosehamwe	Ibishyimbwo (Kg)	Ifu y'ibigori (Kg)	Amajerokani	Amabase	Isabune (agati)	
<b>Gicumbi</b>	67	155	144	366	1196	1794	67	67	134	AIMPO
<b>Musanze</b>	204	395	519	1118	3656	5484	204	204	408	AIMPO
<b>Nyabihu</b>	72	130	173	375	1212	1818	72	72	144	AIMPO
<b>Burera</b>	90	97	133	320	460	1380	90	90	180	WOPU
<b>Gatsibo</b>	132	157	171	460	656	1968	132	132	264	WOPU
<b>Nyagatare</b>	24	48	77	149	250	750	24	24	48	WOPU
<b>Total</b>	589	982	1217	2788	7430	13194	589	589	1178	WOPU & AIMPO

*Imvano: Isesenguramakuru, Kanama, 2021*

Kubera gukererwa, guhindagurika kwa gahunda z'ibikorwa na za “guma mu rugo” za hato na hato, abashinzwe umushinga batangaje ko byagoranye gukora ikurikiranabikorwa harimo amahugurwa n'inama z'ubukangurambaga.

Ubushakashatsi bwerekanye ko hari ibikorwa bishya bitari byarateganyijwe byasimbuye ibitarabashije gukorwa kubera icyorezo cya COVID-19:

- Ubushakashatsi ku “Kwisanga mu mirimo kw' abasigajwe inyuma n'amateka” hibandwa ku rubyiruko bwabaye muri Gicurasi 2021 hagamjwe gutanga igipimo/ikigereranyo cy'urubyiruko rwo mu basigajwe inyuma n'amateka ku isoko ry'umurimo.
- Amahugurwa ku gukora imishinga no kuyikurikirana (AIMPO). Aya mahugurwa yari agenewe abakozi ba AIMPO bafite aho baturira n'ikorwa ry'imishinga n'ikurikiranabikorwa ryayo umunsi ku wundi. Abahagarariye abasigajwe inyuma n'amateka bafite ubumuga (FPDO) na bo barayitabiriye kugirango bazamure urwego mu mikorere y'imishinga. Muri rusange, abakozi n'abakorerabushake 10 (abagore 5 n'abagabo 5) barahuguwe.
- Amahugurwa ku mutekano w'amakuru y'ikoranabuhanga ku bakozi ba WOPU (Kamena 2021). Abakozi bane ba WOPU (umugore 1 n'abagabo 3) bahuguwe ku mutekano w'amakuru y'ikoranabuhanga binabongerera ubunararibonye mu gukoresha mudasobwa.

- Ubuvugizi ku kwandikisha abana bavutse (WOPU). Hakoze ubukangurambaga n’ubuvugizi mu basigajwe inyuma n’amateka mu karere ka Gatsibo, imirenge ya Ngarama na Nyagihanga, ku kwandikisha abana bavutse. Abakozi ba WOPU bakoranye n’inzego z’ibanze kuva ku mudugudu kugera ku murenge mu gukangurira imiryango yo mu basigajwe inyuma n’amateka inshingano zabo n’uburenganzira bwo kwandikisha abana bavutse mu bitabo by’irangamimerere.

Ibindi bikorwa bitakozwe uko byari byateganyijwe mu mushinga harimo inama z’ubuvugizi ku rwego rw’igihugu, urw’akarere na mpuzamahanga.

## **2.4. Uruhare rw’umushinga mu mpinduka zabayeho**

### **2.4.1 Impinduka zari zitezwe**

Nkuko byagaragajwe n’abaganirijwe ku giti cyabo, mu itsinda n’urugendo rwakorerwe aho umushinga wageze, ibikorwa by’umushinga byazanye impinduka nziza mu turere wakorewemo no hanze yatwo. Izi mpinduka ni umusaruro w’imikoranyire myiza hagati ya gahunda za Leta, ubuyobozi mu nzego z’ibanze no ku rwego rw’igihugu, itsinda rya MRG, imiryango yahyize umushinga mu bikorwa, imiryango itari iya Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, itangazamakuru, abafasha mu by’amategeko n’abandi bafatanyabikorwa.

#### **Zimwe mu mpinduka z’ingenzi:**

Imiryango yashyize mu bikorwa umushinga (WOPU na AIMPO) yongerewe ubushobozi mu micungire y’imishinga (mu bya tekhnike n’icungamari)

Umwe mu bakora muri iyo miryango yagize ati: *“Uyu mushinga twatewemo inkunga na EU ntiwatwongereye ingengo y’imari gusa, ahubwo watwunguye n’ubumenyi mu micungire y’umushinga. Turashimira MRG n’Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi ku cyizere batugiriye cyo gushyira mu bikorwa uyu mushinga.”*

Abahuguwe ku gukora ubuvugizi bongerewe ubumenyi bwo guteza imbere uburenganzira bw’ abasigajwe inyuma n’amateka

Umwe mu bahuguwe yagize ati: *“Nshinzwe iyandikwa ry’abanyeshuri muri Kaminuza. Kubera aya mahugurwa ku guteza imbere uburenganzira bw’ abasigajwe inyuma n’amateka, nasobanukiwe neza n’imibereho itoroshye babayemo mu muryango mugari wacu. Ubumenyi nungutse bwamfashije gufasha umunyeshuri wendaga kureka amasomo ya Kaminuza, mukorera ubuvugizi none ubu arigira ubuntu.”*

Abafasha mu by’amategeko, abasigajwe inyuma n’amateka n’abaturage bandi bungutse ubumenyi ku burenganzira bw’ibanze bwa Muntu ku buzima, uburenganzira bw’umwana, kwandikisha umwana mu bitabo by’irangamimerere, ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo, uburenganzira bwo

kubona akazi, uburenganzira ku burezi, no ku mutungo: abasigajwe inyuma n'amateka bakorana n'abayobozi mu nzego z'Isibo, Umudugudu, Akagari n'Umurenge. Ku bijyanye no kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere, i Gatsibo abana 80 bo mu miryango y' abasigajwe inyuma n'amateka barandikishijwe, i Burera handikishwa 40 kubera ubukangurambaga bwakozwe n'umushinga. Byatangajwe ko ibibazo bimwe na bimwe bishyikirizwa Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) n'inzego zo hejuru kugirango bishakirwe umuti ukwiye.

Umubyeyi umwe wo mu karere ka Nyabihu yagize ati: *“Mfite abakobwa babiri bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ku mwana wa mbere, nafashijwe n'abo ku rwego rwo hejuru; nubwo byangoye kuhagera ariko narahatanye ngerayo. Ku mwana wa kabiri, ubwo nari hafi kubona ubufasha mu by'amategeko, COVID-19 yahise yaduka, ariko ndacyategereje ngo nsubukure igikorwa cyo guharanira uburenganzira bw'abana banjye”*

Abasigajwe inyuma n'amateka bafite ubumuga bagize amahirwe yo guhugurwa, kubona ubumenyi no kwigirira icyizere mu guharanira uburenganzira bwabo. Abaganirijwe mu bushakashatsi bavuze ko abasigajwe inyuma n'amateka b'abagore n'abafite ubumuga bakiri inyuma mu bijyanye n'ubumenyi ku burenganzira bw'ibanze, bakaba basaba ubufasha no kwitabwaho byihariye.

Umwe yagize ati: *“Nk'umwe mu basigajwe inyuma n'amateka, ndi umwe mu rubyiruko rw'abakorerabushake mu kurwanya icyorezo cya COVID-19. Nkora ku buryo abafite ubumuga bagerwaho n'ibiribwa mu gihe birimo gutangwa aho dutuye. Kuba mfite ubumuga, mbifata nk'uburyo bwo kumvikanisha ijwi ryacu ku bibazo dufite, kandi nabashije kumvisha abayobozi mu nzego z'ibanze iwacu bampa inshingano zijyanye n'ubushobozi bwanjye”*

Ubumenyi ku burenganzira bw' abasigajwe inyuma n'amateka n'uruhare rw'abandi baturage mu guca ukubiri n'imyumvire igayitse byariyongereye.

Umuntu wo mu muryango utari uwa Leta yagize ati: *“Abasigajwe inyuma n'amateka ni abantu nk'abandi. Bakwiye kubahwa no gufashwa hashingiwe ku byo bakeneye ngo bagere ku iterambere. Kugaburira abana ku ishuri byafasha abana bo mu miryango y' abasigajwe inyuma n'amateka kutava mu ishuri kuko imiryango yabo yugarijwe n'ubukene no kutihaza mu biribwa.”*

Ubushake bwo kuzuzanya hagati y'abayobozi mu nzego za Leta, imiryango ifasha abasigajwe inyuma n'amateka, imiryango itari iya Leta n'impuguke bwariyongereye: Byagaragaye ko abasigajwe inyuma n'amateka bagerwaho na gahunda za Leta z'ingoboka, uretse utubazo tumwe na tumwe dusaba isesengura n'ubushishozi bwihariye bwo gufasha imiryango y' abasigajwe inyuma n'amateka. Nk'urugero, guha inka urugo rw' abasigajwe inyuma n'amateka kandi nta sambu bafite bisobanuye ko urwo rugo rutabasha kubyaza umusaruro iyi gahunda ya Leta y'imibereho myiza. Binyuze mu itangazamakuru n'imiyoboro inyuranye y'itumanaho, abandi bafatanyabikorwa biyemeje gufasha abasigajwe inyuma n'amateka ku bikoresho byo mu rugo. Guteza imbere uburenganzira bwa Muntu n'ihazwa biracyari ikibazo gikeneye kuvugutirwa umuti

mu baturage. Kubera ibyagaragajwe n’ubushakashatsi bw’ibanze n’amahugurwa yatanzwe, imiryango itari iya Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, abafasha mu by’amategeko n’abanyamakuru, bese biteguye gukorera ubuvugizi abasigajwe inyuma n’amateka.

Impuguke mu by’amategeko yagize ati: *“Mu kazi kanjye ka buri munsu mpa ubufasha abaturage. Nshingiye ku byo nigiyeye mu mahugurwa n’ibyo nzi ku bibazo by’ abasigajwe inyuma n’amateka, niyemeje guha umwanya wihariye kwita ku bibazo by’ abasigajwe inyuma n’amateka, no guha ubufasha mu by’amategeko imiryango ikorana na bo aho bishoboka.”*

#### **2.4.2 Impinduka nziza zitari zitezwe**

Nkuko ubu bushakashatsi bwabigaragaje, umushinga watumye habaho impinduka nziza zitari zitezwe. Mu karere ka Burera, WOPU yakusanyije ubufasha iha ibigega by’amazi n’ibikoresho by’isuku imiryango y’ abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma kugirango bahindure imibereho.

Mu nama z’ubukangurambaga, si abasigajwe inyuma n’amateka gusa bitabiraga, ahubwo n’abandi baturage baritabiraye. Ubu bwitabire buhuriweho bwashimwe cyane n’abo twaganiriye nk’uburyo bwiza bwo guhindura imyumvire mibi bamwe mu baturage bafite ku basigajwe inyuman n’amateka.

Umukozi wa AIMPO ati: *“Twabonye n’abaturage batari abasigajwe inyuman n’amateka bitabira inama zari zigenewe abasigajwe inyuman n’amateka. Ibi byabaye amahirwe yo kwimakaza imibanire myiza nk’abanyarwanda hagati y’ abasigajwe inyuman n’amateka n’abandi baturage, no kongera ubumenyi bwabo ku bijyanye n’uburenganzira bwa Muntu.”*

#### **2.4.3. Impamvu zatumye umushinga ugera ku ntego**

Nubwo icyorezo cya COVID-19 cyagize ingaruka ku isi yose, ntibyabujije ko MRG, AIMPO na WOPU besa imihigo bakagera ku ntego umushinga wari ufite yo guteza imbere uburenganzira bw’ abasigajwe inyuman n’amateka no kurwanya ivangura. Dore zimwe mu nkingi zatumye intego zigerwaho:

- Kugendera ku bunararibonye bwa MRG mu buvugizi no kubakira imiryango ubushobozi bitewe n’umwihariko w’igihugu
- Kuba imiryango yashyize umushinga mu bikorwa yo mu gihugu (WOPU and AIMPO) isobanukiwe neza imibereho n’umuco by’ abasigajwe inyuman n’amateka mu Rwanda
- Kuba imiryango itatu (MRG, AIMPO na WOPU) yari yarakoranye n’ubundi mu gihe cyabanje (urugero hari umushinga wa Irish Aid bari bafatanyije ishyirwa mu bikorwa ryawo).
- Ihanamakuru ryoroshye, icyizere, gukorera mu mucyo n’ihuzabikorwa hagati ya MRG n’imiryango yashyize mu bikorwa umushinga

- Imikoranire myiza hagati y'imiryango yashyize mu bikorwa umushinga, inzego z'ibanze, imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa

Umukozi w'umuryango wari ushinzwe ibikorwa yagize ati: *“Umushingwa wagenze neza binyuze mu mahugurwa yahawe imiryango itari iya Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, ubukangurambaga mu baturage no gutangaza ibikorwa binyuze ku maradiyo na tereviziyo. Mu by'ukuri itangazamakuru ryakoze inkuru zikangura abantu; imbogamizi yabaye COVID-19 yakomye mu nkokora uko ibikorwa byari biteganyijwe. Kubera ko umushinga wibanze cyane ku bikorwa by'ubuvugizi, natanga inama yo gukora indi mishinga yibanda ku iterambere ry' abasigajwe inyuman n'amateka nko kugaburira abana ku mashuri, gutanga ibikoreho by'ishuri, imirimo ibyara inyungu nk'ububumbyi bwa kijyambere bukora ibikoreho bigezweho. Kubona ubutaka byafasha abasigajwe inyuman n'amateka gukora imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi, kandi ibi bigakomeza gushimangirwa mu iteganyabikorwa no mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.”*

## **2.5. Uburambe bw'ibikorwa by'umushinga**

Hari gahunda zigomba gushimangirwa kugirango umushinga ugire ingaruka z'igihe kirambye, habeho no guteza imbere uburenganzira bw' abasigajwe inyuman n'amateka b'abagore, ab'abagabo n'abafite ubumuga no kurandura ivangura iryo ari ryo ryose. Zimwe muri gahunda zikwiye gushimangirwa ni:

- Uburezi kuri bose
- Gahunda z'imibereho myiza nk'iyi guhanga imirimo mu baturage bakennye cyane- VUP, girinka Munyarwanda, n'ubwisungane mu kwivuzza (Mitiweri).
- Imiryango ivuganira abasigajwe inyuman n'amateka (MRG, AIMPO, WOPU, COPORWA), imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa bakorana n'abatishoboye mu Rwanda.
- Gukomeza gukorana n'itangazamakuru, n'abaharanira uburenganzira bwa Muntu kugirango hagume kugaragazwa isura nziza y'abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma no kurwanya ihohoterwa ribakorerwa
- Abafasha mu by'amategeko basobanukiwe imibereho y' abasigajwe inyuman n'amateka banatanga ubufasha buhoraho mu by'amategeko, bafasha mu gutanga ikirego, no gukemura amakimbirane yo mu miryango.

Umufasha mu by'amategeko wo mu murenge wa Rwamiko, akarere ka Gicumbi yagize ati: *“COVID-19 yahinduye ibintu ku buryo budasubirwaho. Ndizera ko nyuma y'icyorezo tuzongera tugaha ubufasha mu by'amategeko abasigajwe inyuman n'amateka. Turamutse tubonye nk'agahimbazamusyi, byadufasha cyane”!*

- Imiryango ihamye iharanira uburenganzira bw' abasigajwe inyuman n'amateka nka AIMPO, WOPU na COPORWA; n'imikoranire myiza hagati y'inzego za Leta, imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa, binyuze mu kanama gahuza ibikorwa

by'iterambere ku rwego rw'Uturere; n'andi mahuriro agamije kumvikanisha ijwi n'uburenganzira bw' abasigajwe inyuman n'amateka.

- Abakora mu itangazamakuru n'ibindi byiciro byahuguwe ku gukora ubuvugizi no guharanira uburenganzira bw' abasigajwe inyuman n'amateka
- Amakuru yavuye mu bushakashatsi, inyandiko n'amaraporo yakwifashishwa mu kumenya ibibazo by' abasigajwe inyuman n'amateka
- Imikoranire ihamye hagati ya MRG, WOPU na AIMPO n'abandi bafatanyabikorwa
- Abaharanira uburenganzira bwa Muntu bakoze urubuga rwa WhatsApp bazajya basangiriraho amakuru, imbogamizi n'imihigo yagezweho

Impinduka nyinshi n'umusaruro w'umushinga ni iby'igihe kirambye ariko ubwabyo ntibihagije ngo birandure ikibazo cy'ubukene n'iheszwa byabaye akarande. Ni ingenzi gushimangira ko hari byinshi bigikeneye gukorwa kugirango ibikorwa by'uyu mushinga bibe iby'igihe kirambye, kuko hakiri ibibazo byihariye byugarije imibereho myiza y' abasigajwe inyuman n'amateka (kutagira ubutaka, inzitizi zo kutiga, kutagira ubwisungane mu kwivuzwa, guhabwa akato n'iheszwa, kutigirira icyizere no kwitinya, ubukene bukabije, kutagira akazi n'imirimu ifatika, ihohoterwa rishingiye ku gitsina...). Ni yo mpamvu, hakenewe guhuza ingufu ku buryo buhoraho hagati y'inzego za Leta, imiryango itari ya Leta, imiryango ihananira iterambere n'abikorera.

## 2.6. Amasomo dukura mu ishyirwa mubikorwa ry'umushinga

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko umushinga wasize amasomo akurikira:

- ***Kumenyekanisha ibikorwa by'umushinga watewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi n'imiryango yari ishinzwe ibikorwa:*** MRG, AIMPO na AIMPO bafatanyije mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga kandi ibyapa byose n'amatangazo byerekana ibikorwa by'umushinga byabaga biriho ikirango cy'imikoranire n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi. Mu gihe cy'ibikorwa, imiryango yashyize umushinga mu bikorwa (WOPU na AIMPO) yarushijeho kumenyekanana binyuze mu itangazamakuru n'ibikorwa byabereye mu baturage.
- ***Kongererwa ubumenyi n'ubushobozi:*** MRG yongereye ubumenyi n'ubushobozi abagize uruhare mu bikorwa by'umushinga muri WOPU na AIMPO binyuze mu buryo mbonankubone cyangwa bw'ikoranabuhanga. Ku rundi ruhande, imiryango yari ishinzwe ibikorwa na yo yerekanye ko yungutse ubumenyi mu ishyirwa mu bikorwa n'icungamutungo by'umushinga.
- ***Gukorera hamwe no guhana amakuru:*** Binyuze mu gikorwa cyo kumurika ubushakashatsi bwakozwe n'ibikorwa byabereye mu baturage, umushinga wafashije imiryango itari iya Leta, abaharanira uburenganzira bwa Muntu, abanyamakuru n'abakozi mu nzego za Leta kurangwa n' imikoranire

- ***Kumenyekanisha mu itangazamakuru ibibazo by’ abasigajwe inyuma n’amateka no kubasura:*** Inkuru nyinshi ku mibereho y’ abasigajwe inyuma n’amateka zanyujijwe mu binyamakuru binyuranye
- ***Ubufatanye mu gukemura ibyihutirwa:*** Umuryango w’Ubumwe bw’uburayi n’imiryango yari ishinze ibikorwa bumvikanye guhindura ibikorwa bimwe by’umushinga kugirango hakemurwe ibyihutirwa nk’ikibazo cy’ibiribwa n’ibikoresho by’isuku mu basigajwe inyuma n’amateka mu gihe cya COVID-19.
- ***Kuvumbura uburyo bushya bw’imikorere:*** Imiryango yashyize umushinga mu bikorwa yimuriye imikorere kw’ikoranabuhanga nko gukorera inama kuri terefone cyangwa imbuga z’ikoranabuhanga ndetse no kubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19 ku byakorewe mu baturage
- Nubwo icyorezo cya COVID-19 cyadutse umushinga ugeze hagati, inama z’ubukangurambaga mu baturage zakozwe hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda nko gukaraba intoki, gukoresha umuti wabugenewe, kwambara agapfukamunwa no guhana intera.

## **2.7. Imbogamizi**

Mu ishyirwa mu bikorwa ry’umushinga watewe inkunga n’Umuryango w’Ubumwe bw’uburayi habayemo imbogamizi zikurikira:

- Kutabasha gukora ibikorwa bimwe byateganyijwe kubera icyorezo cya COVID-19. Mu bihe bya “guma mu rugo”, ingendo zitemewe, amahuriro n’inama bitemewe; inama z’ubuvugizi, gusura no kugenzura ibikorwa by’umushinga ntibyakoze nkuko byari byateganyijwe.
- Imbuga nkoranyambaga nka Facebook, Twiter na Instagram ntizakoreshejwe bihagije mu kumenyekanisha ibikorwa by’umushinga no kumvikanisha ijwi ry’ abasigajwe inyuma n’amateka kugirango bishimire uburenganzira bwabo. Izi mbuga zagombaga gukoreshwa biruseho kugirango ubutumwa bugere ku bantu benshi banyuranye mu gihugu, mu karere u Rwanda ruherereyemo no mu mahanga.

## **IGICE CYA 3: UMWANZURO N’IBYIFUZO**

### **3.1 Umwanzuro**

Umushinga watewe inkunga n’Umuryango w’Ubumwe bw’Uburayi mu Rwanda, wagenze neza ushyizwe mu bikorwa na MRG n’imiryango yo mu gihugu imbere (AIMPO na WOPU) yawushyize mu bikorwa Umushinga wongereye ubushobozi Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n’Itangazamakuru kugirango bashobore guharanira no guteza imbere neza uburenganzira bw’abasigajwe inyuma n’amateka.



Nubwo icyorezo cya COVID-19 cyagize ingaruka ku isi yose, ntibyabujije umushinga kugera ku ntego zawo. Nkuko iri suzumabikorwa ryabigarutseho, amakuru yavuye mu bushakashatsi bw'ibanze yagize umumaro ukomeye mu iteganyabikorwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga. Abantu banyuranye barahuguwe bituma biyemeza gukora ubuvugizi ku bibazo byugarije abasigajwe inyuma n'amateka, bateza imbere uburenganzira bwabo no kurwanya ivangura. Abanyamakuru bahuguwe batanze umusanzu ukomeye wo gukangura abaturage binyuze mu nkuru banyujije ku bitangazamakuru n'ibiganiro ku maradiyo. Amahugurwa yabaye izingiro ryo kumenyana hagati y'imiryango inyuranye, gusangira amakuru n'uburyo bwo kuvuganira abasigajwe inyuma n'amateka. Guhugura no gufasha abafasha mu by'amategeko ni inzira nziza yo gufasha abasigajwe inyuma n'amateka kumvikanisha ijwi ryabo no guharanira uburenganzira bwabo igihe hari ubuhutajwe. Kubera COVID-19, ubukangurambaga mu baturage ntibwakoze nkuko byari biteganyijwe. Ariko ntibyabujije ko umubare ushimishije w' abasigajwe inyuma n'amateka n'abandi baturage bitabira inama z'ubukangurambaga hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda icyorezo. Nubwo umushinga watanze umusanzu ushimishije, abasigajwe inyuma n'amateka baracyafite ibibazo bisaba ubufasha bwa Leta, imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa. Muri ibi bibazo harimo nko kutagira ubumenyi ku burenganzira bwabo, ubukene bukabije, umubare uri hejuru w'abatazi gusoma no kwandika, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uruburako rw'abasigajwe inyuma n'amateka rudafite akazi, imirire mibi mu bana n'abagore batwite.

### **3.2 Ibyifuzo**

Hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi, ibikorwa bikurikira byafasha kuziba icyuho cyagaragajwe:

#### ***Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi ukwiye:***

- Gusuzuma ingaruka COVID-19 yagize ku bikorwa bimwe na bimwe by'umushinga, noneho bakaba bakongera igihe cyabyo hibandwa ku bikorwa by'ubuvugizi, inama z'ubukangurambaga mu baturage no mu bitangazamakuru, ku basigajwe inyuma n'amateka n'abandi baturage.
- Kwemerera imiryango nyarwanda ifasha abasigajwe inyuma n'amateka gutanga inyandiko z'imishinga yo kubafasha mu kongera ubushobozi bw'ingo mu byerekeye imibereho myiza n'ibikorwa by'izamurabukungu.

#### ***Leta y'u Rwanda ikwiye:***

- Gusuzuma imikorere ya gahunda zo guteza imbere imibereho myiza n'ibindi bikorwa by'iterambere ry'abaturage, no kureba niba zigera ku basigajwe inyuma n'amateka; aho bigaragaye ko bahezwa muri gahunda, Leta ikabikemura ku buryo nabo bajyamo.
- Kwigisha abanyarwanda b'ingeri zose uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu.

- Kuzamura ubwitabire bw' abasigajwe inyuma n'amateka mu bikorwa by'abaturage hibandwa cyane ku bagore n'abafite ubumuga.

***MRG, AIMPO na WOPU bakwiye:***

- Kwigira ku masomo y'umushinga watewe inkunga na EU bagategura indi mishinga yo guteza imbere uburenganzira bw' abasigajwe inyuma n'amateka no kurwanya ivangura.
- Kongera ingufu mu mikoranire n'inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, abikorera n'abandi bafatanyabikorwa kugirango bafatane urunana mu bikorwa byo guteza imbere imibereho myiza y' abasigajwe inyuma n'amateka
- Gukora ubushakashatsi kugirango babone kandi babike amakuru ku mibereho y' abasigajwe inyuma n'amateka bityo bakore ubuvugizi bufite ishingiro

***Imiryango itari iya Leta, Abaharanira uburenganzira bwa Muntu n'abandi bafatanyabikorwa bakwiye:***

- Gusuzuma by'umwihariko ibibazo byugarije abagabo, abagore n'abafite ubumuga basigajwe inyuma n'amateka kugirango babishyire mu igenamigambi ryabo.

***Abasigajwe inyuma n'amateka bakwiye:***

- Kwitabira ibikorwa by'iterambere ry'abaturage no kumenyekanisha ibibazo bafite.
- Kwitinyuka no kwiremamo icyizere bakabyaza umusaruro amahirwe ahari na gahunda zo kwigira no kwishimira uburenganzira bwabo.

## INYANDIKO ZIFASHISHIJE

1. AIMPO, FPDO, MRG and WOPU (2021). *Universal Periodic Review (UPR) stakeholder submission. 37th Session of the Working Group on the UPR*
2. AIMPO &MRG (2021). *Baseline survey report on Inclusion of Youth Historically Marginalized People in workforce*
3. AIMPO (2021). *Third Year Report of the activities of the project implementation.*
4. EIDHR/2018/396-163(2019). ANNEX VI. *Interim narrative report*
5. EIDHR/2018/396-163: *Year 2 Annual Report: Proposed Changes to Project Year 3. Covid 19 impacts*
6. EU, MRG, AIMPO and WOPU (2016). *Grant Contract*
7. *EU RWA- LF\_ FINAL (2016)*
8. European Commission (2016). *ANNEX A.2 – Full application form*
9. European Union (2017). *Notification letter to MRG*
10. *International Convention on the Elimination of All Forms of Racial Discrimination Adopted and opened for signature and ratification by General Assembly resolution 2106 (XX) of 21 December 1965 entry into force 4 January 1969, in accordance with Article 19. <https://www.ohchr.org/Documents/ProfessionalInterest/cerd.pdf>*
11. Minority Rights Group International (2028). *Funding Agreement. Strengthening the capacity of CSOs, HRDs and Media Houses to challenge discrimination against historically marginalized people (HMP) and promote their rights in Rwanda*
12. MRG & AIMPO (2018). *Partnership Agreement MRG*
13. MRG (2019). *Status of Inclusion and Involvement of HMP in Various-Economic and Political Programmes and Promotion of their Human Rights in Rwanda”*
14. MRG (2021). *Final Evaluation – Terms of Reference and call for Expressions of Interest. Strengthening the capacity of CSOs, HRDs and Media Houses to challenge discrimination against historically marginalized people (HMP) and promote their rights in Rwanda*
15. MRG&WOPU (2018).*Funding Agreement*
16. MRG&WOPU (2028).*Partnership Agreement*
17. MRG (2020) *EIDHR/2018/396-163. Annex VI Interim narrative report, Yr2, June 2020*
18. MRG (2018). *Visibility and Communication Plan*
19. MRG, AIMPO, WOPU (2019). *Report on the status of inclusion and involvement of historically marginalized people (HMP) in various socio-economic and political programmes and promotion of their human rights in Rwanda*
20. MRG, AIMPO, WOPU (2019). *Raporo y’uko kwinjiza abasigajwe inyuma n’amateka muri gahunda za politike, ubukungu n’imibereho myiza bihagaze, uruhare rwabo muri izo gahunda no guteza imbere uburenganzira bwabo mu Rwanda*
21. PROJECT EIDHR 2018/396-163. *MRG Response to COVID-19 Crisis*
22. Republic of Rwanda (2013). *Law N° 43/2013 of 16/06/2013 governing land in Rwanda*

23. Republic of Rwanda (2016). *Law N°32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family*
24. Republic of Rwanda (2015). *The Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015*
25. RNCHR (2020). *Assessment of the impact of anti covid-19 pandemic measures on human rights in Rwanda: from March to October 2020.*  
[http://www.cndp.org.rw/fileadmin/user\\_upload/Assessment\\_of\\_the\\_impact\\_of\\_anti\\_Covid-19\\_pandemic\\_measures\\_on\\_Human\\_Rights\\_in\\_Rwanda\\_Final\\_Report.pdf](http://www.cndp.org.rw/fileadmin/user_upload/Assessment_of_the_impact_of_anti_Covid-19_pandemic_measures_on_Human_Rights_in_Rwanda_Final_Report.pdf)
26. WOPU (2021). *Child birth registration project in Gatsibo District*
27. WOPU. *Community awareness report*
28. WOPU. *Digital training on Cyber security*
29. WOPU (2021). *Refresher training for 20 paralegals from HMPs communities. Training report.*
30. Updated logframe matrix of the project(2019): *EIDHR/2018/396-163*
31. <https://thebridge.rw/aba-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bahanganye-ningaruka-za-covid19-babumba-kijyambere/> ( when did you consult this reference?; mention the time plz)
32. <https://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/kamonyi-abasigajwe-inyuma-n-amateka-bahawe-ubufasha-basabwa-kubuharaho-bivana>
33. <http://renaissanceactu.com/2019/05/15/historically-marginalized-people-in-rwanda-require-more-consideration-from-the-government/>
34. <http://imvahonshya.co.rw/abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bakeneye-kwitabwaho-byihariye/>
35. Kamonyi: “Bifuza kureka ububumbyi ariko babura igishoro cyo gukora indi mirimo”:  
<https://panorama.rw/index.php/2019/05/29/kamonyi-bifuza-kureka-ububumbyi-ariko-babura-igishoro-cyo-gukora-indi-mirimo/>
36. Haracyakenewe ingufu ngo abo amateka yasigaje inyuma bige:  
<https://www.kigalitoday.com/amakuru/amakuru-mu-rwanda/article/haracyakenewe-ingufu-ngo-abo-amateka-yasigaje-inyuma-bige>
37. Umurimo w’ububumbyi ntugitunze abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma  
<https://www.thebridgemagazine.net/umurimo-wububumbyi-ntugitunze-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma/>
38. Abanyamakuru basabwe kuvuganira abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma:  
<http://imvahonshya.co.rw/abanyamakuru-basabwe-kuvuganira-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma/>
39. Abanyamakuru basabwe kuvuganira abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma:  
<http://umwezi.net/?p=7117>
40. <https://www.youtube.com/watch?v=MCbs71Wde4U&feature=youtu.be>
41. Kamonyi : *Hari abaturage babayeho mu mwanda ukabije*

42. <http://www.valuenews.info/2019/05/30/kamonyi-hari-abaturage-babayeho-muwanda-ukabije/>
43. Kamonyi :Batwambuye amashuri yacu yiharirwa n'abakire gusa-Abaturage:  
<http://www.valuenews.info/2019/05/30/kamonyi-batwambuye-amashuri-yacu-yiharirwa-nabakire-gusa-abaturage/>
44. Ab'i Kagina amateka agaragaza ko basigaye inyuma ubu babaye abasirimu basobanutse: <http://ukwezi.rw/mu-rwanda/Ubuzima/Ab-i-Kagina-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-ubu-babaye-abasirimu-basobanutse>
45. Rubengera: Abo amateka yasize bati “N'inyamaswa zo muri Pariki ziturusha kwitabwaho”:  
<https://www.umuseke.rw/rubengera-abo-amateka-yasize-bati-ninyamaswa-zo-muri-pariki-ziturusha-kwitabwaho.html>
46. Kicukiro : Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma, gutera akabariro bisigaye ari inzozu kubera ubuzima babayemo: <http://ubumwe.com/kicukiro-abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-gutera-akabariro-bisigaye-ari-inzozu-kubera-ubuzima-babayemo/>
47. Abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma bakeneye kwitabwaho byihariye:  
<http://imvahonshya.co.rw/abo-amateka-agaragaza-ko-basigaye-inyuma-bakeneye-kwitabwaho-byihariye/>
48. Ihohoterwa, ubuzima bushaririye nicyo abasigajwe inyuma n'amateka bo mu murenge wa gacurabwenge akarere ka kamonyi bahuriraho:  
<http://imboni.rw/2019/05/31/ihohoterwa-ubuzima-bushaririye-nicyo-abasigajwe-inyuma-namateka-bo-mu-murenge-wa-gacurabwenge-akarere-ka-kamonyi-bahuriraho>